
N° 206 Kamena 2017

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YAHAWE IKIGANIRO KU RUHARE RWA POLITIKI RUSANGE ZISHYIRWAHO MU GUTEZA IMBERE IBIPIMO BY'IMIYOBORERE MYIZA MU RWANDA



*Kuwa kane tariki ya 29 Kamena 2017, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n' Umuvugizi waryo Depite MUKAKARANGWA Clotilde. Nyuma yo kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 30/03/2017, abayitabiriye bahawe ikiganiro n' Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) ku ruhare rwa politiki rusange zishyirwaho mu guteza imbere ibipimo by'imiyoborere myiza mu Rwanda, iyi nama kandi yasuzumye inemeza Umushinga w'igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017/2018 .*

Ku ngingo irebana n'ikiganiro ku "ibipimo by' imiyoborere myiza mu Rwanda n'uruhare rw'Imitwe ya politiki mu kuyishimangira" cyatanzwe n'Umukuru w'Urwego rw' Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) Prof. SHYAKA Anastase, cyibanze ku bipimo by'Imiyoborere mu Rwanda, ibipimo by'imitangire ya serivisi n'ishusho y'uburyo abaturage babona ibibakorerwa.

Ku birebana n'ibipimo by'Imiyoborere mu Rwanda, Prof. Shyaka Anastase yagaragaje ko, muri rusange, ubushakashatsi bwerekanye ko imiyoborere ihagaze neza kuko ibipimo byayo biri hejuru ya 70%, ku isonga hakaza ibijyanye n' umutekano, aho igipimo cyawo kigera kuri 92.62%.

Ku birebana n'ibipimo by'imitangire ya Serivisi n'uburyo abaturage babona ibibakorerwa, ubushakashatsi bwerekanye ko impuzandengo y'imitangire ya serivisi mu mwaka wa 2016, igera kuri 67.7%.

Ikindi, Umukuru wa RGB yagarutse ku mategeko agenga Imitwe ya Politiki no kunoza imikorere yayo. Aha, yasabye Imitwe ya politiki kubahiriza amategeko ayigenga harimo n'afitanye isano n'amahame remezo ateganywa n'Itegeko Nshinga, ubusugire bw'Igihugu no kubahiriza ibisabwa Imitwe ya politiki mu bihe by'amatora hagamijwe kubumbatira ubumwe bw' Abanyarwanda. Kuri iyi ngingo Inama Rusange yiyemeje gukomeza gushimangira amahame y'imiyoborere myiza mu Rwanda, ubufatanye mu gukora ubuvugizi n'ubukangurambaga bigamije gushimangira imikorere iboneye n'imitangire myiza ya servisi mu nzego zose.

Ku ngingo ijyanye na gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017/2018, yatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Inama Rusange yemeje igenamigambi ry'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka 2017/2018 n'ingengo y'imari yabyo imaze kuyunguranaho ibitekerezo.

Mu bindi, Inama Rusange yemeje ko Ihuriro rizohereza indorerezi zaryo gukurikirana imigendekere y'Itora rya Perezida wa Repubulika riteganyijwe kuwa 4 Kanama 2017.

## IHURIRO RYAKIRIYE UMUYOBOZI WUNGIRIJE USHINZWE AFRIKA YO HAGATI MURI COMMONWEALTH



Bwana JIJUKA Zephyrin yakira abashyitsi

*Muri gahunda yo kumenya imikorere ya zimwe mu Nzego zo mu Gihugu kugira ngo harebwe inzira y' Imikoranire, Bwana STEPHEN HICKING, Umuyobozi Wungirije ushinzwe Afurika yo hagati mu Muryango w' Ibihugu byakoronijwe n' Abongereza (Deputy Head of Central Africa Team in Commonwealth) na Bwana Tim MOODY, Umukozi ushinzwe ibya politiki muri Ambasade y'Abongereza mu Rwanda, basuye Ihuriro kuri uyu wa mbere tariki ya 19 Gicurasi 2017.*

Mu kiganiro bagiranye n'Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro Bwana JIJUKA Zephyirin, wari uhagarariye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, nyuma yo kubaha ikaze, yababwiye ko Ihuriro rishyirwaho n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, rikaba ari urubuga Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yabisabye kandi ikabyemererwa ihuriramo igamije kungurana ibitekerezo kuri politiki y'Igihugu no kugira uruhare mu kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Yabasobanuriye imikorere n'inzego zaryo, gahunda z' ibikorwa rishyira imbere n'imikoranire yaryo n'Imitwe ya politiki.

Mu bibazo byagarutsweho n'aba bashyitsi, ni uburyo Ihuriro rigena inkunga igenerwa Imitwe ya politiki n' impamvu Igihugu cyahisemo politiki y'ubwumvikane busesuye (Consensual Democracy).

Aha babwiwe ko inkunga igenerwa Imitwe ya politiki itangwa ku buryo bungana hagendewe kuri gahunda yagenwe n'Inama Rusange y'Ihuriro. Babwirwa kandi ko Igihugu cyahisemo politiki y'ubwumvikane busesuye kubera ibibazo Igihugu cyari gisohotsemo bya Jenoside yakorewe Abatutsi, aha kandi ikindi cyarebwe n'ingaruka mbi ziterwa na politiki yo guhangana (Confrontational Democracy).

Ikindi babajije n'aho Ihuriro rikura ubushobozi bwo gukora ibikorwa byinshi byavuzwe. Aba bashyitsi bagaragarijwe ko Ihuriro ribona inkunga ya Leta, hakaba kandi n'inkunga riterwa n'Ishami ry'Umuryango w' Abibumbye Ritsura Amajyambere (PNUD). Icyakora hagaragajwe ko izi nkunga zidahagije urebye ibikorwa bisabwa Ihuriro. Kuri iki kibazo, aba bashyitsi bijeje Ihuriro ubufatanye, basaba ko bagezwaho mu gihe cya vuba imishinga bifuza ko bakorana kugira ngo harebwe iyajyana n'ibyo bateramo inkunga.

**MU NAMA NYUNGURANABITEKEREZO RGB YAGIRANYE N'IMITWE YA POLITIKI HAGARUTSWE KU GUTANGA RAPORO KU GIHE**



*Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imitwe ya Politiki*

*Kuwa kabiri tariki 13/06/2017 mu cyumba cy'inama cya Hotel Lemigo mu Karere ka Gasabo, ku bufatanye bw' Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki n' Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) habereye inama yahuje abahagarariye Imitwe ya Politiki, Urwego rw' Umuvunyi n'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena.*

Bwana MUTABAZI Theodore, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imitwe ya Politiki n'imiryango itari iya Leta, atangiza ku mugaragaro iyi nama, yashimiye Imitwe ya Politiki ko ari abafatanyabikorwa beza, yibutsa ko Inzego zose zatumiwe muri iyi nama zihuriye ku nshingano yo gutuma Politiki n'imiyoborere bigenda neza mu Gihugu cyacu. Yasabye Imitwe ya politiki gukomeza gukorera mu mucyo, akaba ariyo mpamvu inama nk'iyi ari ngombwa kugira ngo ube umwanya wo kwibukiranya, kwigishanya no kugirana inama zo kunoza imikorere hagamijwe ineza y' Abanya rwanda.



***Bwana Jijuka Zephyrin***

Bwana Jijuka Zephyrin, Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro wari urihagarariye Umunyabanga Nshingwabikorwa muri iyi nama, yashimye abayitabiriye, ababwira ko inama nk'izi zitegurwa mu rwego rwo gufasha buri Rwego kwibukiranya ibikenewe mu gutanga no gusuzuma raporo za ngombwa. Yakomeje yerekana ko iyi nama ari ingirakamaro ku Mitwe ya politiki cyane ko iteguwe mu gihe Urwego rw'Umuvunyi rumaze kugenzura Imitwe ya politiki yose ndetse rukaba rwaragiranye ibiganiro na buri Mutwe wa politiki kuri Raporo rwakoze. Yibukije ko iyi nama ibaye mu bihe bya nyuma byo kumenyekanisha ikoreshwa ry'umutungo n'imurikwa ry'ibitabo by'ibaruramari ry'umutungo w'Imitwe ya politiki mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017 cyane ko bigomba kuba byakozwe mbere y'itariki ya 30 Nzeri uyu mwaka.

Asoza, yibukije abahagarariye Imitwe ya politiki kujya itegura neza imishinga y'amahugurwa bashyikiriza Ihuriro; gukora neza Raporo y'amahugurwa no kuyigeza ku Ihuriro ku gihe; kubika neza Inyandiko zose zirebana n'inkunga y'amahugurwa Imitwe ya Politiki ihabwa n'Ihuriro.



***Abari mu nama***

Nyuma Ikiganiro ku *"Uburyo bwo gutegura, gukora ibaruramari ndetse no kumenyekanisha umutungo w'Umutwe wa politiki"* cyatanzwe n' Urwego rw' Umuvunyi; ikiganiro ku nkunga Ihuriro ritera Imitwe ya politiki n'uburyo ikoreshwa cyatanzwe n'Ihuriro; n'ikiganiro ku buryo RGB ikurikirana imikorere n'ibikorwa by'Imitwe ya Politiki, cyatanzwe na RGB, abitabiriye inama biyemeje gukomeza kubahiriza amategeko cyane cyane, ibiteganywa n'Itegeko Ngenga no 10/2013OL ryo kuwa 11/7/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki mu Rwanda; kunoza imicungire y' Umutungo; kujya ikora ibaruramari ryayo buri mwaka no gutanga Raporo za ngombwa ku Nzego bireba ku gihe.

Ihuriro na RGB nabyo byiyemeza gukomeza guhugura abashinzwe imari n'umutungo mu Mitwe ya Politiki ku buryo buboneye bw'imicungire y'umutungo kugira ngo raporo ziteganywa n'amategeko zirusheho kunozwa, kandi zitangirwe ku gihe.

Hasozwa iyi nama ku mugaragaro, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imitwe ya Politiki n'imiryango itari iya Leta yashimye abayitabiriye, abizeza ko inama nk'iyi izajya iba nibura kabiri mu mwaka.